Kinyarwanda

# Kwambara umukandara wo mu modoka

## Ngomba kwambara umukandara wo mu modoka?

- Yego. Kwambara umukandara wo mu modoka uko bikwiye ni ikintu cy'ingenzi ushobora gukora kugira ngo wowe n'uruhinja utwite mutekane.



## Ni gute ngomba kwambara umukandara wo mu modoka unkwiriye neza?

- Shyira igice cy'umukandara wo mu modoka kijya ku matako munsi y'aho inda yawe ikatiye kugira ngo umukandara wo mu modoka ugere ku matako yawe.
- Ambarira umukandara wo mu modoka ku ruhande rw'inda yawe kandi unyure hagati y'agatuza kawe n'inkoro.

## Ni gute ngomba gufunga neza umukandara wo mu modoka?

- Icara wegamye kugira ngo haboneke umwanya hagati y'inda yawe na vora, ariko ukore ku buryo ushobora gukandagira aho bongerera umuvuduko n'aho bafatira feri ukageza hasi.
- Gerageza kutaryamisha intebe kurusha ibikenewe. Icara wemye ku buryo buguha amahoro.



## N'iki ngomba gukora ku byerekeye udufuka tundinda mu gihe cy'impanuka?

- Hindukiza vora yawe kugira ngo agafuka kakurinda mu gihe cy'impanuka kabe kareba agatuza kawe, ntikarebe inda cyangwa isura yawe.
- Hindura intebe yawe kugira ngo byibuze ibe iri muri inshi icumi (cm 25) z'umwanya hagati y'agafuka kakurinda mu gihe cy'impanuka n'agatuza kawe.

## Nakora iki ndamutse nkoze impanuka?

- Shaka ubuvuzi ku buryo bwihuse kandi ubimenyeshe umuganga uvura umubyeyi utwite, nubwo waba utakomeretse.

Hudson Center
for Prenatal
Vehicle Safety

uchealth